

M@GAZINE



My STORY My VOICE

No: 5
Gicurasi 2023



TUGANIRE KU BUZIMA BW'IMYOROROKERE



Save Generations Organization

Prepare, Empower and Equip the Future Generations

Umuryango nyarwanda, utari uwa Leta, uharanira iterambere ry'umwana, urubyiruko n'umugore.

Iki kinyamakuru cyandikwa ndetse kigasohorwa na **Save Generations Organization** ku bufatanye na **Kvinna Till Kvinna**



UKENEYE AMAKURU KU BURYO BURAMBUYE WABARIZA AHA HAKURIKIRA:

Ikicaro gikuru cya Save Generations Organization : Rwanda-Kigali-Gasabo-Remera – Nyabisindu-KG 8AV- Inzu no 104.

Website	E-mail	YouTube	Twitter	Facebook & Instagram	Telephone
www.sgorwanda.rw	savegenerationsorganization@gmail.com	SGO Rwanda Official	@SaveGenOrg	Save Generations Organization	+250783018458 +250783812690 +250780227029

TUGANIRE KU BUZIMA BW'IMYOROROKERE



**MY STORY
MY VOICE**

01

I JAMBO RY'IBANZE

Muraho neza!

Mugihe cy'ubugimbi n'ubwangavu hagati y'imyaka 10-19, hagaragaramo imihindagurikire y'umubiri, imyumvire ndetse n'imyitwarire idasanzwe. Ni igihe abangavu, ingimbi ndetse n'urubyiruko muri rusange bashobora guhuriramo n'ingorane zitandukanye mu gihe batagize amahitamo ashingiyeye ku makuru nyayo. Kwigishwa ku buzima bw'imyororokere ni uburenganzira bw'abangavu n'ingimbi kuko butuma biyubakamo ikizere n'ubushobozi bibafasha gukora amahitamo meza no gufata ibyemezo bikwiriye ku mibiri yabo. Ni kubwiyo mpamvu, umuryango **Save Generations Organization (SGO)** wishimiye kubagezaho nomero ya gatanu (5) y'ikinyamakuru **"Tuganire ku buzima bw'imyororokere,** kizwi ku izina **"MY STORY, MY VOICE", (INKURU YANJYE, IJWI RYANJYE)** kigamije guha umwanya abangavu n'ingimbi bagasangiza bagenzi babo inkuru z'impinduka ku buzima bwabo ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, ndetse no kwikorera ubuvugizi ku bibazo bikibugarije bibazitira mu kubona uburenganzira bwabo bwo kubona amakuru na serivise ku buzima bw'imyororokere.

Kuri iyi nshuro abangavu n'ingimbi bari hagati y'imyaka 10-19 babashije guhabwa amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere na Save Generations Organization, barasangiza bagenzi babo uburenganzira bamenye bafite ku buzima bw'imyororokere na serivise bijyana n'aho zitangirwa, uruhare bafite ku bibakorerwa birebana n'ubuzima bw'imyororokere n'amahitamo bijyanye. Ingimbi ndetse n'urubyiruko muri rusange bashobora guhura n'ingorane zitandukanye mu gihe badafite ubumenyi ndetse batazi n'uburenganzira bwabo bushingiyeye ku makuru nyayo ku buzima bw'imyororokere. Muri iki kinyamakuru murasangamo inkuru z'abangavu n'ingimbi zitandukanye, zigamije kwigisha no gutanga ubutumwa kuri bagenzi babo.

Muri aka kanyamakuru kandi, harimo n'inyigisho zihera zigaruka ku buvugizi ku bibazo by'abangavu ingimbi n' urubyiruko ndetse n'ubumenyi mugezwaho na Save Generations Organization mu gice cyiswe **"Haha ubwenge"**.

“

Izi ni inkuru z'impinduka abangavu n'ingimbi bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye mu karere ka Kamonyi na Gasabo mu bigo by'amashuri Save Generations Organization ikoreramo ibikorwa byayo byo kongerera ubumenyi abangavu n'ingimbi ku buzima bw'imyororokere, bifuje gusangiza bagenzi babo, abiga n'abatiga.

Dore ibyo bavuze k'uburenganzira bamenye bafite ku buzima bw'imyororokere na serivise bijyana, uruhare bafite ku bibakorerwa n'ubumenyi bafite ku buzima bw'imyororokere.

”

**IKIBAZO
NIBAZA!**



Ese ni ngombwa ko abangavu n'ingimbi baganirizwa ku buzima bw'imyororokere?

A Bangavu n'ingimbi bahura Nibibazo byinshi bishingiye

Ku buzima bw'imyororokere, harimo ihohoterwa rishingiye kugitsina ntibamenye aho bashakira ubufasha, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, inda z'imburagihe, gucikiriza amashuri, n'ibindi byinshi ,muri ibi ahanini usanga biterwa nuko benshi muri bo usanga badafite amakuru y'ukuri ahagije, kandi yizewe ku buzima bw'imyororokere bitewe n'impamvu zitandukanye, zishingiye ku muco, imyemerere ndetse na kirazira.

Nyamara kutagabaganiriza kuri izi ngingo bituma abangavu n'ingimbi batamenya uburenganzira bafite ku buzima bwabo bw'imyororokere na serivise bijyana, ikindi kandi ntibamenya uruhare rwabo n'ububasha bafite ku bibakorerwa bishingiye ku buzima bw'imyororokere. Ahubwo usanga akenshi bagira amakuru y'ibihuha bakuye muri bajenzi babo, ibyo bikaba imwe mu mpamvu ituma abangavu n'ingimbi batamenya uburenganzira bwabo bwo kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere

Kugira ubumenyi ku buzima bw'imyororokere, byatumye abangavu bahawe amakuru na Save Generations Organization, batinyuka bagafata ibyemezo bikwiriye ku mibiri ndetse n'ubuzima bwabo muri rusange. Bamwe mubangavu n'ingimbi twaganiriye bagize icyo babivugaho:



Namenye neza ko nanjye mfite uburenganzira bwo kugira amakuru y’ukuri ku buzima bw’imyororokere.

Ntagiraga isoni zo kumva aho bavuga ibijyanye n’ubuzima bw’imyororokere, yaba ku ishuri, mubandi cyangwa se kuri radio iyo babivugaga nko mu ikinamico nabihungiraga kure, nkibwira ko ntakwiye kubyumva, cyane cyane ko numvaga bitandeba ari ibyabantu bakuru gusa, nashoboraga kugira ikibazo cyerekeye ubuzima bw’imyororokere simbe nagira uwo nsobanuzi nkabyimenyera, nkumva ko ntafite uburenganzira bwo kugira icyo menya ku buzima bw’imyororokere, nasanze naribeshyaga cyane!!!

Nitwa **NIMUKUNDANE Diane**, ndi umukobwa, mfite imyaka 13, niga mumwaka wa 6 w’amashuri abanza mu kigo cya G.S Ngamba mu karere ka Kamonyi. Namenye ko nanjye nemerewe kugira amakuru y’ukuri ku buzima bw’imyororokere, menya ko kuvuga cyangwa kumva ibiganiro bijyendanye nabyo atari amahano nkunko nabyibwiraga mbere, ubu mbasha kuganiriza ababyeyi nkabasobanuzi icyo ntasobanukiwe ndetse nkaganiriza bajyenzu banjye nabo nkabasangiza amakuru y’ukuri ku buzima bw’imyororokere, nkabasobanurira ko buriwese afite uburenganzira bwo kumenya cyangwa guhabwa amakuru y’ukuri kubuzima bw’imyororokere, kuko icyo afite amakuru abasha gufata icyemezo ku buzima bwe,

Ni iki wasaba abangavu n’ingimbi bajyenzu bawe?

“Ndasaba abangavu ndetse n’ingimbi muri rusange ko bakwiye kumenya ko buri wese yemerewe kugira amakuru y’ukuri ku buzima bw’imyororokere bikurikije ikigero cy’imyaka afite; ntakigero runaka cy’imyaka yo kugira amakuru, buriwese afite uburenganzira bwo kumenya cyangwa gusobanuzi mugihe hari icyo adasobanukiwe kigendanye n’ubuzima bw’imyororokere.”

**NAMENYE KO MFITE
UBURENGANZIRA BWO
KWIFATIRA IBYEMEZO KU
BUZIMA BW'IMYOROROKERE NO
GUKORA AMAHITAMO YANJYE !**





Kwiga kubuzima bw'imyororokere biradufasha cyane.

Nibyiza kugira amakuru pe !

Nitwa **UWASE Crista Grolia**, ndi umukobwa, mfite imyaka 17, niga mu mwaka 4 w'amashuri yisumbuye mu kigo cya G.S Remera Indangamirwa mu Karere ka Kamonyi. Mu bakobwa tungana, abenshi ntibazi uburenganzira bwabo bafite ku buzima bw'imyororokere, rimwe narimwe bashobora guhura n'ikibazo gishingiye ku kutagira amakuru ahagije kandi y'ukuri.

Mbere ntarahugurwa na Save Generations Organization, sinarinzi uburenganzira mfite ku buzima bw'imyororokere, yewe sinarinzi na serivise nemerewe guhabwa zirebana n'ubuzima bw'imyororokere, nagiraga amatsiko y'amakuru nkeneye kumenya ngatinya kugira uwombaza kuko numvaga biteye isoni, nk'umukobwa nkumva ko byafatwa ukundi, natinyaga ko uwo nabaza ashobora kumfata muyindi sura idakwiye, nkumushizi w'isoni cyangwa indaya.

Kuri ubu narasobanukiwe, namenye ko ntasoni biteye zo kugira amakuru cyangwa kubaza icyo ntasobanukiwe, ubu kuba najya kwamuganga nkabasaba serivisi ntacyo byantwara, mugihe kwifata byanze nshobora kuja kwamuganga nkabaka agakingirizo nkaba nakwirinda, nijye ubwanjye nifatira icyemezo kubikorera umubiri wanjye, kurubu ntawankoresha icyo ntashaka kuko nemerewe kwemera cyangwa guhakana,

Ndashimira Save Generations Organization ko itubera isoko nziza tuvomamo amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere.

Aho dutuye hagiye hatandukanye, usanga kubona amakuru ku buzima bwimyororokere biba bitoroshye, kubwiye mpamvu ndasaba abakobwa bagenzi banjye ko bakwiriye kumenya u burenganzira bafite ku buzima bw'imyororokere, kandi abagize amahirwe yo guhugurwa no kuganirizwa bakagira amakuru, bagerageze bayasangize abandi nabo abashe kubafasha kuva mu bishuko.

NI IKI WABWIRA ABAKOBWA BAJYENZI BAWE NDETSE N'ABABYEYI MURI RUSANGE?

Bakobwa bagenzi banjye mumenye, kandi musobanukirwe ko kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere ari uburenganzira bwacu, ntawundi ukwiriye kuyatumenyera cyane ko aritwe ubwacu duhangana n'ingaruka mbi zatubaho zishingiye ku kutagira amakuru y'ukuri ku bizima bw'imyororokere.

Ababyeyi nabo ndabasaba ko bakwiye kumenya ko ibihe byakera bitandukanye n'ibihe by'ubu, nibatwegere kandi batuganirize ku buzima bw'imyororokere bizatuma tubisanzuraho bityo biturinde kugira isoni cyangwa gutinya kubaza icyaricyo cyose dukeneye cyerekeye ubuzima bwacu bw'imyororokere kuko tuzaba twaramaze kwisanzurana.



Umukobwa afite uburenganzira bwo kwemera cyangwa guhakana igikorera umubiri we ubwe ntawundi umuhitiyemo



Nitwa **TUNEZERWE Elyze Sabin**, ndi umuhungu, mfite imyaka 13, niga mu wa 6 w'amashuri abanza mu kigo

Cya G.S Ngamba mu Karere ka Kamonyi. Mbere ntaraza muri Save Generations Organization narimfite amakuru menshi yuzuyemo ibihaha, mu biganiriro numvaga abandi bana babahungu tungana bavugaga ko umukobwa ntaburenganzira afite bwo kwemera icyo umuhungu amusabye cyangwa ashakaga kumukorerwa, cyane cyane ku mubiri we, byatumaga numva ko nanjye ninkura nzajya nkora icyo nshatse icyo ari cyo cyose ku mukobwa ntamusabye uburenganzira, nyamara ntaho ari ko bikwiye gukorwa, umukobwa afite uburenganzira bwo kwemera cyangwa guhakana igikorera umubiri we ubwe ntawundi umuhitiyemo, akwiye gusabwa uburenganzira kucyho agiye gukorera akemera cyangwa agahakana, si umukobwa gusa kuko n'umuhungu nawe ntibikwiye ko akorehwa icyo adashakaga, buriwese akwiye kwihitiramo, kwemera cyangwa guhakana icyakorera ku mubiri we.

Nkaba nabwira abahungu bagenzi banjye ko bidakwiye kugira icyo dukora ku mukobwa cyangwa mugenzi wacu w'umuhungu atariwe ubwe witangiye uburenganzira, nkasaba abakobwa ko bakwiye kumenya ko ari uburenganzira bwabo kwemera cyangwa guhakana uwariwe wese washakaga kubakoresha icyo badashakaga, bamenye ko umubiri wabo ari uwagaciro ntawundi wemerewe kuwukoresha icyashakaga atabihereye uburenganzira.

MU IJWI RYANJYE!

**NI
UKURI**

**TUGANIRE KU
BUZIMA
BW'IMYORORO
KERE**





Namenye ko urubwiruko twemerewe guhambwa serivise ku z'ubuzima bw'imyororokere

Nitwa **DUKUNDIMANA Foibi**, ndi umukobwa, mfite imyaka 15, niga mu wa 2 w'amashuri yisumbuye mu kigo cya G.S Ruhanga mu karere ka Gasabo. Kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere byaramfashije cyane, iyo numvaga ijamba umwangavu, namwunvaga nk'umuntu udafite icyo akwiye gusobanukirwa cyangwa guhabwa ku buzima bw'imyororokere, sinyumvishaga ko nawe hari icyo akeneye kijyanye n'ibihe anyuramo bya buri muni, cyane ko namufataga nkumwana, nabaga niyumvisha ko adashobora kugira impinduka muri we nkimihango n'ibindi, nabifataga ko biramutse bimbayeho byaba ari uburwayi kuburyo ntari gutinyuka no kuba nabibwira umubyeyi ngo nawe amfashe kubona ibikoresho by'isuku,

“Ese ubwo urumva nari kubiherahe?”

Nasomye ikinyamakuru “tuganire ku buzima bw'imyororokere” My story My voice, ndetse mpabwa inyigisho na Save Generations Organization menya byinshi ku buzima bw'imyororokere,

kuva ubwo nafunguye amaso mbona ko buri wese yemerewe guhabwa amakuru y'ukuri na serivisi zitangwa ku buzima bw'imyororokere, ntakigero cy'imyaka kibaho cyemerewe kugira amakuru gusa amakuru uyahabwa bigendanye n'imyaka ufite, twese kugira ubuzima bwiza biratureba, ubu nemerewe kwaka ibikoresho by'isuku mugihe ndi mu mihango, naganiriza umubyeyi nkamusobanuzi icyo ntasobanukiwe kirebana n'ubuzima bw'imyororokere, sinaterwa ipfunwe no kugira serivise naka kwa muganga, kukigo cy'urubwiruko cyangwa se ahandi hose batanga serivise z'ubuzima bw'imyororokere, mu gihe hari ubufasha nkeneye mu cy'umba cy'umukobwa ku ishuri nakwegera ubishinzwe nkamusobanuzi. Mbona byaramfashije cyane kuko kuri ubu ndamutse nkorewe ihohoterwa iryo ari ryo ryose cyangwa nkabona uwarikorewe nzi aho twashakira ubufasha, yaba kwamuganga, kukigo cy'urubwiruko, Isange wani sitopu senta (Isange one Stop center), Police cyangwa kuri RIB nkabasobanurira ikibazo cyabaye,

**Ni iki wakongeraho mu kiganiro
tugiranye ?**

Icyo nakongeraho ni ugushimira Save Generations Organization yo yaduhaye inyigisho tugasobanukirwa byinshi ku buzima bw'imyororokere, tukamenya serivisi z'ubuzima bw'imyororokere ndetse naho zitangirwa, nkaba nsaba abangavu n'ingimbi n'urubwiruko muri rusange ko bakwiye kumenya ko buri wese yemerewe guhabwa serivise z'ubuzima bw'imyororokere uko angana kose, ariko na none bikajyana n'imyaka afite . **“NDABASHIMIYE”**

Icyo nsaba abahungu bagenzi banjye

Ndasaba abahungu bajyenzi banjye kubaha uburenganzira bw'umukobwa, ntitukiyumvishe ko dufite ubushobozi buhagije ku bakobwa, umukobwa ni uwagaciro, akwiye kwakwa uburenganzira kucyo ari cyo cyose kimukorerwa, rimwe narimwe abahungu twibwira ko tudashobora kwangirwa ibyifuzo byacu tugira ku mukobwa, nagira inama bagenzi banjye yo kubireka kuko ubwabyo byica mumutwe iyo ibyo byifuzo bidashobotse, twese yaba umuhungu cyangwa umukobwa buri wese afite uburenganzira bwo kwemera ibimukorerwa cyane cyane birebana n'ubuzima bw'imyorokere.

KWIZERA Moise, ndi umuhungu, mfite imyaka 16, niga mu wa 2 w'amashuri yisumbuye mu kigo cya G.S Ruhanga mu karere ka Gasabo.





Nemerewe guhabwa amakuru y'ukuri na serivise zu buzima bw'imyororokere

Nitwa **UWAYO IZERE Christelle**, ndi umukobwa mfite imyaka 12, niga mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza mu cyigo cya G.S Ngamba mu Karere ka Kamonyi. kuri ubu nishimira ko mpabwa amakuru ku buzima bw'imyororokere, kenshi iyo nganira na bajenzi banjye, benshi ntibarasobanukirwa ko hari ibyo bemerewe guhabwa byerekeye ubuzima bw'imyororokere, nkamakuru na serivise zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, ibyo bintera gutekereza ko narikuba ariko meze nanjye. Kugira amakuru biramfasha, nkanjye christelle nzi neza ko nemerewe guhabwa serivise z'ubuzima bw'imyororokere kwa muganganga izo ari zo zose ku buzima bw'imyororokere kwa muganga mugihe mperekejwe n'umubyeyi wanjye bijyanye n'imyaka mfite: Nzi neza ko mu gihe najya mu mihango nemerewe guhabwa cotegisi (Pad) ndetse n'ibikoresho bindi by'isuku, ntibikwiye ko nkwiye kugira ipfunwe ryo gusaba ababyeyi bannjye ibyo bikoresho igihe ndi mu rugo, cyangwa mugihe ndi ku ishuri nkaba nabyaka umurezi ushinzwe icyumba cy'umukobwa.

Ikindi kandi, ubu mbonye uwakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina sinarebera ahubwo nabasha

kumusobanurira aho akura ubufasha kuko nasobanukiwe ko ubufasha nkubu butangwa no kukigo nderabuzima, icyigo cy'urubyiruko cyangwa Isange one stop center. icyo nasaba abangavu n'ingimbi ni uko bakwiye kumva ko kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere ntacyaha cyirimo, iyo ufite amakuru ubasha kumenya neza serivise wemerewe guhabwa bijyanye n'icyiciro cy'imyaka ufite ndetse ukamenya naho wazikura mugihe uzikeneye, bamenye ko bemerewe guhabwa amakuru kandi y'ukuri, bemerewe guhabwa serivise zitangirwa kwa muganga (mu cyumba cy'urubyiruko), ndetse no mu kigo cy'urubyiruko. Ikindi mbasaba nuko mugihe hari uwumva hari icyitagenda neza kuri we nko mugihe ari mu mihango cyangwa hari ikibazo yahuye nacyo ku buzima bwe bw'imyororokere, akwiye gusobanuzwa. Ndashimira Save Generations Organization, yaduhuriye hamwe nk'abana b'abakobwa kurubu tukaba tubasha gusangira na bajenzi bacu amakuru tuba twigishijwe ndetse tukanigisha bajenzi bacu tubana umunsi ku munsi yaba ku ishuri ndetse n'aho tuba mu miryango.

A photograph of two young boys shaking hands in front of a school building. The boy on the left is wearing a blue school uniform. The boy on the right is wearing a black t-shirt with a white logo and blue pants. A large yellow circle is overlaid on the image, containing the text 'Inkuru yanjye mu ijwi ryanjye'.

**Inkuru
yanjye mu
ijwi ryanjye**



Nitwa UWASE Rosine, ndi umukobwa, mfite imyaka 15, niga muwa 3 w'amashuri yisumbuye mu kigo cya G.S Gasogi mu Karere ka Gasabo

Umubiri wanjye ni uwa gaciro, nijye ubwanjye ukwiye guhitamo, kwanga no kwemera buri kimwe nakorerwa, mfite uburenganzira bwo kwemera cyangwa guhakanira uwariwe wese washaka kumpitiramo ibyo ntashaka.

Naho ubundi

"Amahitamo yanjye no kwemera kwa njye ni ibyagaciro bikwiye kubahwa"



Nitwa **NSHIZIRUNGU Didie**, ndi umuhungu , mfite imyaka 19, niga Indimi n’ubuvanganzo mu mwaka wa 6 w’amashuri yisumbuye mu kigo cya G.S Remera Indangamirwa mu karere ka Kamonyi.

Mbere Save Generations Organization itaraza mu kigo cyacu, narimfite amakuru make ku buzima bw’imyororokere, iyo nabonaga uwagize impinduka ku mubiri we naramwirindaga, nahoraga ngendera mubigare by’abasore bafite amakuru y’ibihaha ndetse nshobora no kuyakurikiza nkaba nakora ikintu kitari cyiza gishobora no kungiraho ingaruka kubera kutagira amakuru y’ukuri ku buzima bw’imyororokere, ariko kuri ubu narasobanukiwe, namenye ko ntakiza cyo kubaho ntafite amakuru y’ukuri yerekeye ubuzima bw’imyororokere, namenye ko kubaza ibyo ntasobanukiwe ari ingenzi, bimpa kubana neza nabagenzi banjye byumwihariko abakobwa, nkamenya uko mbitwaraho ntawe mbangamiye cyangwa ngo mputaze uburenganzira bwe, nubaha amahitamo y’umukobwa n’ibyemezo bye. Namenye ko buri wese yemerewe guhabwa ubufasha mugihe yahuye n’ikibazo, nkumukobwa aramutse ahuye n’ihohoterwa nzi ko namugira inama yo kujya gushaka ubufasha kwa muganga mugihe yafashwe ku ngufu bakamufasha, bamuha utunini tumurinda kwandura sida cyangwa tukamurinda gusama.

Namenye ko ntakiza cyo kubaho ntafite amakuru y’ukuri yerekeye ubuzima bw’imyororokere

Nkaba nabwira abakobwa ko bakwiye gutinyuka, bakagira amahitamo mazima, bakamenya guhakana mugihe hari ushaka kubashuka, nibamenye neza ko amahitamo y’uyu muni aribwo buzima bw’ejo hazaza, abahungu nabo nabasaba ko badakwiye kwirengagiza kumenya amakuru y’ukuri ku buzima bw’imyororokere, birakwiye ko twese tugira amakuru y’ukuri ku buzima bw’imyororokere kandi twemerewe kuyahabwa.

Didie ni iyihe nama wagira bagenzi bawe?

Bagenzi banjye by’umwihariko abakobwa bakwiye gutinyuka, bakagira amahitamo mazima, bakamenya guhakana mugihe hari ushaka kubashuka, nibamenye neza ko amahitamo y’uyu muni aribwo buzima bw’ejo hazaza, abahungu nabo nabasaba ko badakwiye kwirengagiza kumenya amakuru y’ukuri ku buzima bw’imyororokere, birakwiye ko twese tugira amakuru y’ukuri ku buzima bw’imyororokere kandi twemerewe kuyahabwa.

Ndasaba kandi ababyeyi nabo ko bakwiye kumva ko umukobwa n’umuhungu, bese bafite uburenganzira bwo kurindwa no guhabwa amakuru ku buzima bw’imyororokere, Kurubu nkaba nishimira ko nasobanukiwe nkaba nzi uko nitwara mugihe ndikumwe nabashiki banjye ntanumwe mbangamiye uburenganzira afite.

“Nemerewe kuganirizwa ku buzima bw’imyororokere, nahabwa amakuru y’ukuri n’ababyeyi banjye, nasobanuza uwo nizeye mugihe hari icyo ntasobanukiwe nka muganga ushinzwe icyigo cy’urubyiruko cyangwa nkabaza umwarimu ushinzwe icyumba cy’umukobwa ku ishuri nigaho”

“Inkuru
yanjye”

“Ijwi
ryanjye”

UBUVUGIZI KU BIBAZO BY'ABANGAVU N'INGIMBI KU BUZIMA BW'IMYOROROKERE.

1

Rimwe na rimwe usanga haraho ababyeyi batabasha kuganiriza abana babo ku buzima bw'imyororokere, muri uko kubaburira umwanya usanga abana batabisanzuraho mugihe bafite amakuru bakeneye kumenya k'ubuzima bw'imyororokere, bakaba bayabariza ahandi hashobora kuba hatanzwe, tukaba dusaba ababyeyi ko bakwiye gutega amatwi abana babo bakajya bababwira hafi kuko aribo batanga amakuru y'ukuri n'ubujyanama nyabwo ku bana babo.

2

Abangavu n'ingimbi bo mubigo by'amashuri mu karere ka Kamonyi na Gasabo batugararije ibyifuzo bafite ku abayobozi yuko mugihe habaye igikorwa gihuza abantu benshi, nk'umuganda cyangwa ibindi ko bakwiye kujya banyuzamo bagatumira nk'umujyanama w'ubuzima cyangwa undi wese ufite ubumenyi ku buzima bw'imyororokere wabihuguriwe agatambutsa ubutumwa buvuga ku buzima bw'imyororokere, kuko ibibazo bishingiye ku kutagira amakuru ku buzima bw'imyororokere birajyenda birushaho gufata indi ntera, mugihe izi nyigisho zatangwa abantu benshi barimo n'ababyeyi bazasobanukirwa ko kuganira ku buzima bw'imyororokere ari ibisanzwe bityo barusheho kwiyumvamo inshingano zo kuganiriza abana babo by'umwihariko ku buzima bwabo bw'imyororokere.

3

Nkatwe abangavu turi mu mashuri turasaba ubuyobozi bw'ibigo by'amashuri ko bakwiye kwegera abana by'umwihariko abakobwa bakabafasha kubona amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere, nibatwegere baduhe amakuru kubuzima bw'imyororokere, badushyirireho icyumba cy'isuku ndetse cyirimo ibikoresho bihagije kuko kenshi na kenshi harigihe usanga niyo icyo cyumba gihari usanga ntabikoresho by'isuku birimo twifashisha mugihe turi mu mihango.

4

Rimwe na rimwe abangavu n'ingimbi duhura n'ikibazo cyo kutabona aho dukura amakuru yizewe ku buzima bw'imyororokere, bityo rero turasaba Save Generations Organization, ibigo bya leta cyangwa byijyenga ko bakwiye kwandika ibitabo byinshi bivuga ku buzima bw'imyororokere bigatangwa ku bigo by'amashuri bigahabwa abanyeshuri, ibi bizatuma buri wese abasha kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere ndetse ajyere no kuri benshi yaba abiga n'abatiga kuko tuzaba dufite aho twayakuye kandi hizewe.



HAHA UBWENGE!!!

Bangavu, ingimbi namwe rubyiruko, ikibazo cy'ubuzima bw'imyorokere n'uburenganzira bubushamikiyeho, ni kimwe mu bibazo byugariye urubyiruko ku isi no mu Rwanda by'umwihariko, kenshi na kenshi usanga urubyiruko rudafite amakuru ahagije ku bijyanye n'ubuzima bw'imyorokere n'uburenganzira bijyanye, abenshi mu bangavu, ingimbi n'urubyiruko muri rusange usanga badafite ubumenyi, imyumvire n'ubumenyiringiro bihagije cyangwa bikwiye ku bijyanye n'ubuzima bw'imyorokere. Ibi bigaterwa n'impamvu zitandukanye kandi bikagira ingaruka zikomeye ku buzima bwabo, imiryango bakomokamo ndetse ni Igihugu muri rusange, muri izi mpamvu ziganjemo imyumvire itariyo bamwe baba bafite ishingiyeye ku myemerere, imyizerere, imyumvire ndetse n'umuco, aho usanga bamwe bumva ko kugira, kumenya cyangwa gusobanura ibijyanye n'ubuzima bw'imyorokere bifatwa nko kwica umuco, amahano cyangwa se ubushizi bw'isoni. Nyamara ntibamenye ko kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyorokere bibafasha gukora amahitamo akwiye kandi mazima, ndetse ari uburyo bwiza bwo kwirinda ibishuko bibashora mu mibonanompuzabitsina ndetse n'ibyabwagize ubuzima bwabo kubera kutagira amakuru y'ukuri kandi y'izewe no kumenya uburenganzira bafite ku buzima bwabo bw'imyorokere. Abangavu, ingimbi n'urubyiruko iyo batagize amakuru ahagije ku buzima bw'imyorokere n'uburenganzira bijyana, bahura n'imbogamizi zitandukanye ku buzima bwabo zishingiyeye ku kutamenya, twavugaga mo kutamenya serivise bemerewe guhabwa ku buzima bwabo bw'imyorokere ndetse ntibamenye naho bazikura mugihe ari ngombwa, muri izo serivise twavugaga:

-Serivisi zibanda cyane ku buzima bw'imyorokere harimo izo gukumira inda ziterwa abangavu;

-Gukumira no kuvurwa indwara zandurira mu mibonanompuzabitsina;

-Gukumira ihohoterwa rishingiyeye ku gitsina no gufasha abarikorewe;

- Ubujiyanama no gupimwa Virusi itera SIDA;

- Ubujiyanama ku bitegura kurushinga;

-Ubujiyanama, gupimwa no gukurikirana ubuzima bw'abakobwa batwite;

-Ubujiyanama bujyanye no kwirinda gukuramo inda mu buryo budakurikije amategeko no kwita ku wagize ingaruka zo gukuramo inda;

-Inyigisho ku kamaro ko gukebwa ku bahungu no gutanga iyo serivisi.

Iyo abangavu, ingimbi n'urubyiruko batinyutse, bakagira amatsiko yo kumenya ndetse bakaganirizwa ku buzima bw'imyorokere barushaho kumenya ko izo serivise bazemerewe ndetse bakamenya ko ari uburenganzira bwabo kuzihabwa kandi kugihe, usanga kandi bafite amakuru ahagije yaho bashobora kuzikura nko kwa muganga, mu cyigo cy'urubyiruko, Isange wani sitopu senta (Isange one stop center) cyangwa ku ishuri bigaho kubari mu mashuri, ibi ni uburenganzira bwa buri wese yemerewe ndetse muri ubwo burenganzira hiyongeraho: Uburenganzira bwo kubaho; - Uburenganzira ku busugire bw'umubiri;

- Uburenganzira bwo gufatwa kimwe no kudahazwa muri gahunda z'ubuzima bw'imyorokere;

- Uburenganzira bwo gushaka, gushinga urugo no kugira umuryango;

- Uburenganzira ku kubahiriza ubuzima bwite bwa muntu no kugirirwa ibanga;

- Uburenganzira bwo kubona amakuru no kwigishwa ku buzima bw'imyorokere ndetse n'uburenganzira ku buzima buzira umuze.

Ku bangavu n'abakobwa bamenye ko bafite uburenganzira bwo kwakwira uruhushya mugihe hari ikigiyeye ku bakorerwaho, bamenye ko aribo ubwabo bemera gutanga ubwo burenganzira bwo kwemera cyangwa guhakana icyo badashaka kibakorerwa gishingiyeye ku buzima bw'imyorokere, ingimbi n'abahungu nabo bamenye neza kubahiriza uburenganzira bwa bashiki babo ntibumve ko aribo babafatira ibyemezo kuri buri kimwe nko kubakoresha icyo badashaka n'ibindi,

Icyitonderwa:

Kugira uburenganzira ku buzima bw'imyorokere ntibivuze kwishora mu mibonano mpuzabitsina ukiri muto. Ku ngimbi n'abangavu ni byiza kwifata kugeza igihe bashatse. Iyo kwifata byanze ni byiza gukoresha agakingirizo neza kandi buri gihe, mu rwego rwo kwirinda inda ziterwa abangavu, virusi itera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

**My Story
My Voice**



M@GAZiNE